


# UBURYO UMUNANI (8) BWO KWIRINDA IMPANUKA ZO MU MAZI.

Ibihe by'impeshyi biregereje. Iminsi y'izuba n'ubushyuhe byinshi bishobora gutuma umara igihe kirekire uri hanze kandi hafi y'amazi. \*Ni ingirakamaro ko abantu b'ingeri zose bamenya iby'ibanze bigenga umutekano wo mu mazi. Kurohama ni yo mpamvu ya mbere itera impfu z'abana bafite kuva ku mwaka 1 kugeza kuri 4 ikaba n'iya kabiri itera impfu zituruka ku bikomere bitagambiriwe ku bana bafite kuva ku myaka 5 kugeza kuri 14. Dore inama zigufasha kubungabunga umutekano wawe n'uw'umuryango wawe.



Igisha abana gusaba uruhushya igihe bagiye hafi y'amazi



Kurikirana abana igihe bari mu mazi no hafi yayo, kabone n'iyi haba hari umwarimu wo koga, uba yiteguye kurohora abarohamyeye, kandi umenye ibimenyetso byo kurohama.




Ntuzigere na rimwe woga uri wenyine.



Komeza witegereze amabendera, ibimenyetso cyangwa ibyapa biburira abantu ahantu hadatekanye kogera. Iga kumenya ibiza rusange biterwa n'amazi.



Abakiri bato cyangwa aboga mu mazi batabimenyereye bagombye kwambara ijaketi yabugenewe ibarinda kurohama igihe bari mu mazi no hafi yayo.



Abantu b'ingeri zose bagombye kwambara ijaketi yabugenewe ibarinda kurohama igihe bari mu bwato cyangwa mu mazi magari (uruzi, inyanja n'ibindi).



Igisha abana kudasunikanira no kudateruranira mu mazi cyangwa kudakina imikino igihe bafunze umwuka.



Izere neza ko buri muntu wese wo mu muryango wawe afite ubumenyi bw'ibanze mu koga, nko kumenya uko bareremba n'uko bahagarara bemye mu mazi. Imijyi myinshi, za YMCA, n'ibigo by'abaturage byigisha amasomo yo koga ku buntu cyangwa ku giciro kiri hasi cyane.